**IKINYARWANDA**

**Itariki : 19/06/2024**
**Isaha : 8h30 - 11h30**

# IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3

| | |
|---|---|
| **IKICIRO CYA:** | **KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE** |
| **AMASHAMI:** | **UMWAKA WA 5 INDIMI (LFK)** |
| **IGIHE KIMARA:** | **amasaha 3** |
| **AMANOTA:** | **…… /100** CA-MIS **…… /70** |

**AMABWIRIZA**

1. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2. Ikizamini kigizwe n'ibibazo **makumyabiri (20)** n'ibice bine by'ingenzi:
   **Igice cya mbere:** Kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 30)**
   **Igice cya kabiri:** Ikibonezamvugo **(amanota 25)**
   **Igice cya gatatu:** Ubumenyi rusange bw'ururimi **(amanota 30)**
   **Igice cya kane :** Ihangamwandiko **(amanota 15)**
3. Ubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
4. Subiza muri make utarondogoye.
5. Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe cyane cyane ibipfuye bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.

## BAKAME N'IMPYISI

Kera Bakame yacuditse n'impyisi, biranywana, birabana bishyira kera. Ariko Bakame ikababazwa n'uko impyisi iyirusha ubukungu.

Bukeye Bakame ibwira impyisi iti: "Reka ducuruze impu, ubukungu bwawe burusheho kwiyongera, ndetse ungurize ibintu byo gutangiza, nzage nkungukira." Impyisi irabyemera.

Bitangira gucuruza impu, zimaze kugwira, bijya kuzicuruza mu mahanga, inyungu ikabikwa kwa Bakame. Bakame imaze gukungahara irirwaza. Bwa bucuruzi burahagarara ariko impyisi ntiyabyitaho.

Hashize iminsi, Bakame irazinduka no kwa Mpyisi iti: "Yemwe abo kwa Mpyisi mwaramutseho!" Impyisi iti: "Bwakeye Baka!" Bakame irihangana irarikocora iti: "Nta miramukire yange, baraye baducucuye, badusahuye ntibadusigira na busa." Ubwo impyisi igwa mu kantu, mbese isa n'ikubiswe n'inkuba. Bakame ibonye ko impyisi ibuze aho irigitira irayishukashuka, iyibwira ko izabiyishyura.

Bakame iragenda ifukura icyuzi, yororeramo amafi, amaze gukura ikajya ijya kuroba ayo yirira. Hashize ukwezi impyisi ijya kwishyuza Bakame ibintu byayo. Bakame iyakira neza, yikoza munsi y'urugo iroba amafi cumi iraza irayateka iyavanamo umufa uryoshye cyane, maze yegereza impyisi. Mu mwanya muto impyisi iba irakomba imbehe.

Irangije iti: "Mbese shahu Bakame, ibi bintu biryoshye bitya, ubikura he ?" Bakame irahaguruka ijya kuyereka icyuzi cyayo iti: "Ugende ufukure nk'iki, amafi azimezamo."

Warupyisi igeze imuhira sinakubwira ukuntu yarimbaguye umusozi mu mwanya muto. Imaze kuyoboramo amazi, itegereza ko amafi yazamo, iraheba. Ni bwo igiye kwa Bakame iyirakariye cyane. Igeze yo, Bakame iyisomya ku nkangaza y' akataraboneka. Kwibuka icyari kiyizinduye biragatabwa! Imaze kuryoherwa cyane, iti: "Mama we! Ibi se byo wabikuye he?" Bakame iti: "Ukagira rwa rutoki rwose, ukabura inzoga y'ubuki? Hoshi genda utemagure za nsina zose, amakakama azivuyemo uyashyire mu kabindi, amaremo ibyumweru bitatu, maze uzasomeho wiyumvire."

Impyisi iragenda ibigenza uko Bakame yayibwiye. Ibyumweru bitatu bishize, igotomeraho, maze ururimi rurababuka, inkanka ziratenguka. Umujinya urayica, ifataumufuka no kwa Bakame ntiyasuhuza, ihita igafata igashyira muri wa mufuka, ngo ige kukaroha mu manga. Igeze mu nzira yibuka ko yibagiriwe urujigo rwayo kwa Bakame, iratura, isubira inyuma yiruka.

Ingeragere iza kunyura hafi y'uwo mufuka, Bakame iti: "Uraho Ngeragere!" Iti: "Uracyabaho Baka ! Ese urakora iki muri uwo mufuka shahu Baka?" Bakame iti: "Ntiwamenya ibyange. Ubu banshyize muri iyi ngobyi ngo bage kunyimika, nge ntegeka utunyamaswa turi hariya hakurya, ni cyo gituma bagiye bampetse! Nyamara simbishaka, ariko ntibabyumva !" Ingeragere iti: " Shyuuu! Ukivutsa umugisha nk'uwo! Reka nigiremo niba utabishaka."

Bakame ibanza kwangira, nyuma iti: "Ngaho jyamo ariko nawe urampemba!" Ingeragere ihambura wa mufuka, ivanamo Bakame, maze iwinagamo. Bakame si ukuwukanira iradanangira. Irangije iti: "Ngiye kuguteguriza."

Muri ako kanya impyisi iba iraje, ibatura umufuka ngo diridiri...! Igeze hirya iti: "Ariko noneho ko biremereye cyane, iyi nkenya iriye iki? Ayubusa ariko ndakuroha, dore igihe wambeshyeye!" Ingeragere ngo ibyumve iti: "Reka Mpyisi sindi Bakarne, nshyira hasi nigendere." Iraboroga cyane ariko impyisi ntibyumve, ahubwo ikayisubiza ngo dore aho wambeshyeye, ubwenge bwawe ndabuzi, umunsi ntarengwa ni uyu! Iragenda no mu manga ngo pooo! Ingeragere iniha rimwe gusa, igera mu kabande itakirashya.

Impyisi itaha yizeye ko igiye kwirira ya mafi ya Bakame no kwinywera ya nzoga y'ubuki. Ku mugoroba ntitarabukiyeyo, isanga ka Bakame kidundaritse ku nkombe y' icyuzi cy'amafi yako karoba.

Bihehe igihinguka aho, Bakame iba yayibonye. Bakame iti: "Warupyisi ntunyegere, ntabwo abatarapfa nka we bagomba kwegera abavuye ikuzimu nka nge !" Impyisi irumirwa igira ngo koko Bakame yazutse, ishya ubwoba itekereje ko wenda ihamye aho yapfa, iririkanka irahunga izinukwa ityo kuzongera kwikorereza Bakame no gucudika na yo. Sige wahera hahera umugani.

## IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)

1) Bakame yasabye impyisi ko bacuruza impu, mbese ni uko yari iyikunze? Sobanura igisubizo cyawe. **(amanota 2)**
2) Bakame n'impyisi bacuruje impu barunguka inyungu ikajya ibikwa na Bakame. Muri iki gihe, ni byiza ko ubika amafaranga wungutse mu rugo? Kubera iki? **(amanota 3)**
3) Erekana ibyo Bakame yagiye ibeshya impyisi kugera aho yiyemeza kujya kuyiroha. **(amanota 3)**
4) Tanga ingero enye z'amakabyankuru dusanga muri uyu mwandiko. **(amanota 4)**
5) Erekana ingaruka zabaye ku mpyisi yabikirwaga inyungu na Bakame? **(amanota 3)**
6) Muri iki gihe ufatanyije n'umuntu ubucuruzi wabigenza ute kugira ngo utazahemukirwa nk'uko impyisi yahemukiwe? **(amanota 3)**
7) Andika ibintu bitatu impyisi yari gukora kugira ngo yirinde kuryarywa na Bakame. **(amanota 3)**
8) Simbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira ayo mu mwandiko bisobanura kimwe. **(amanota 4)**
   (a) Mariya **yakundanye** na Marita **biratinda**.
   (b) Aborozi **bacukuye** amariba kugira ngo babone amazi y'inka zabo.
   (c) Yamubonye atungutse **arumirwa** bitewe n'ukuntu yamuhemukiye.
9) Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko: **(amanota 5)**
   (a) Gucucura
   (b) Kudanangira
   (c) Urujigo
   (d) Itakirashya
   (e) Imbehe

## IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

10) Ukoresheje urugero rw' interuro ngufi, erekana ruhamwa na ruhamya. **(amanota 2)**

11) Sesengura interuro ikurikira ukoresheje uburyo bw'igiti. **(amanota 9)**

    Abana bato bariye ibiryo.

12) Wifashishije ingero, tanga amoko abiri y'inyangingo. **(amanota 4)**

13) Garagaza intego z'amagambo akurikira n'amategeko y'igenamajwi: **(amanota 6)**

(a) ubujyahabi

(b) inshamake

14) Rondora amoko y'amazina y'urusobe. **(amanota 4)**

**IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)**

15) Mu birebana n'amazina y'inka: **(amanota 8)**

(a) Gereranya umuvunano n'inshutso.

(b) Tandukanya inka y'ubumanzi n'inka y'imirindi.

(c) Gereranya amahamba n'amabanga.

(d) Tandukanya isubirajwi n'isubirajambo

16) Garagaza amazina y'impeta z'ubutwari zo mu Rwanda rwo hambere n'abo zahabwaga **(amanota 6)**

17) Subiza ukoresheje "**yego**" cyangwa "**oya**" kuri izi nyunguramagambo Zikurikira: **(amanota 5)**

(a) Amagambo aba ari impuzanyito iyo afite intego zihuje kandi ahuje igisobanuro.

(b) Amagambo aba ari imbusane igihe rimwe rivuguruza irindi mu gisobanuro cyaryo.

(c) Imvugwakimwe ni amagambo afite intego zimwe, avugwa kimwe ariko ibisobanuro byayo bitandukanye.

(d) Igwizanyito ni uburyo ijambo rimwe rigira ibisobanuro byinshi. Izo nyito ziba zifitanye isano.

(e) Iyo amagambo yandikwa kimwe kandi agasomwe kimwe ariko ibisobanuro byayo bikaba bitandukanye bivuga ko ayo magambo ari impuzashusho

18) Ni akahe kamaro k'ibisigo by'ubuse, urwenya na byendagusetsa mu muco nyarwanda? **(amanota 6)**

19) Tanga ingero z'amagambo dusangamo ibihekane bikurikira uyandike mu nyandiko nyejwi: **(amanota 5)**

(a) [ndgj]
(b) [tkw]
(c) [skj]
(d) [tkj]
(e) [$fk^h$]

**IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)**

20) Kora inyandiko mvugo y'inama yaguye, Umuyobozi w'Ishuri rya Mahembe yagiranye n'abanyeshuri, ikaba yaravugaga ku myigire n'imyigishirize, imibereho ku ishuri, imyitwarire n'utuntu n'utundi. Wubahirize amategeko agenga imyandikire y'inyandiko mvugo. **(amanota 15)**

……………………………………………**IHEREZO**……………………………………………

**IKINYARWANDA**

**Itariki : 19/06/2024**
**Isaha : 8h30 - 11h30**

# IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3

# IMBONERA Y'IKOSORA

**IKICIRO CYA:** **KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE**

**AMASHAMI:** **UMWAKA WA 5 INDIMI (LFK)**

**IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)**

1) Ntabwo ari uko yari iyikunze **(1)** kuko buri gihe Bakame yababazwaga n'uko impyisi iyirusha ubukungu. **(1) (amanota 2)**
2) Muri iki gihe ntabwo ari byiza kubika amafaranga wungutse mu rugo**(1)** kuko nta mutekano yaba afite **(1)**kandi ibigo by'imari n'amabanki yo kubibikamo birahari. **(1) (amanota 3)**
3) Kuyibeshya ko abajura bayibye**(1)** , kuyibeshya ko izayishyura **(1)**, kuyibeshya ko nicukura icyuzi ikayoboramo amazi amafi azimezamo **(1)**, kuyibeshya ko yenga inzoga ikoresheje amakakama… **(amanota 3)**
4) Ingero z'amakabyankuru dusanga muri uyu mwandiko:
   - Bakame gufatanya n'impyisi gucuruza **(1)**
   - Kuba inyamaswa zaracuruje impu **(1)**
   - kujya gucuruza impu mu mahanga **(1)**
   - korora amafi **(1)**
   - kwenga inzoga
   - kunywa itabi…**(amanota 4)**

5) Ingaruka zabaye ku mpyisi yabikirwaga inyungu na Bakame yahombye inyungu **(1)** ndetse inahomba n'ibyo yacuruzaga **(1)** kubera kwizera Bakame ikayibitsa byose. **(1) (amanota 3)**

6) Mfatanyije n'umuntu ubucuruzi sinakwemera ko uwo muntu ariwe ubika inyungu **(1)** ahubwo inyungu twajya tuyijyana kuri banki cyangwa ku kigo k'imari kitwegereye,**(1)**bityo imari yacu ikaba ifite umutekano.**(1) (amanota 3)**

7) Ibintu bitatu impyisi yari gukora kugira ngo yirinde kuryarywa na Bakame: Kubanza kugirana amasezerano yerekana uko bazajya bakorana **(1)**, Kutemerera Bakame kubika inyungu **(1)**, kubitsa amafaranga muri banki **(1)**, gukurikiranira hafi ibikorwa byose birebana n'ubucuruzi…**(amanota 3)**

8) Gusimbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira ayo mu mwandiko bisobanura kimwe. **(amanota 4)**

   (a) Mariya **yakundanye** na Marita **biratinda**.
   Mariya **yacuditse (1)** na Marita **bishyira kera**. **(1)**

   (b) Aborozi **bacukuye** amariba kugira ngo babone amazi y'inka zabo.
   Abarozi **bafukuye (1)** amariba kugira ngo babone amazi y'inka zabo.

   (c) Yamubonye atungutse **arumirwa** bitewe n'ukuntu yamuhemukiye.
   Yamubonye atungutse **agwa mu kantu (1)** bitewe n'ukuntu yamuhemukiye.

9) Gusobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko: **(amanota 5)**

   (a) Gucucura: Kwiba umutu ibintu byose ukamusiga iheruheru **(1)**

   (b) Kudanangira:Guhambira/gufungirana ikintu ku buryo umuntu atashobora kugihambura/kugifungurira bitamugoye. **(1)**

   (c) Urujigo: Inkono y'itabi **(1)**

   (d) Itakirashya: itagitera umugeri **(1)**

   (e) Imbehe: Igikoresho gito gikoze mu giti giteye nk'umuvure bariragaho. Imbehe zasimbuwe n'amasahane, ubu zikoreshwa nk'umutako zibutsa umuco. **(1)**

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)**

10) Kwerekana ruhamwa na ruhamya. **(amanota 2)**


Urubyiruko rwiyemeje kurwanya ibiyobyabwenge

Urubyiruko: ruhamwa **(1)**

rwiyemeje kurwanya ibiyobyabwenge : ruhamya **(1)**

11) Gusesengura interuro mu buryo bw'igiti. **(amanota 9)**

Abana bato buriye igiti.




12) Amoko y'inyangingo: **(amanota 4)**

- Inyangingo yigenga cyangwa yihagije: **(1)** Bamwe mu rubyiruko bakoresha interineti nabi. **(1)**
- Inyangingo ihagitse: **(1)** Umuntu yicara abunza imitima, **muri ino si dutuye (1)**, yibaza uko ejo bizaba bimeze.
- Inyangingo y'ingaragirwa: **Nyarukira ku rubuga runaka rwa interineti** igihe wabonye akanya.

- Inyangingo y'ingaragira: Nyarukira ku rubuga runaka rwa interineti **igihe wabonye akanya**.

13) Intego z'amagambo n'amategeko y'igenamajwi:**(amanota 6)**

(a) ubujyahabi: u-bu-gi-a-ha-bi **(1)** i→ y/-J**(1)** gy →jy : imyandikire **(1)**

(b) inshamake: i-n-ci-a- ø-ma-ke **(1)** i → ø /-J **(1)** c→sh/n- **(1)**

14) Amoko y'amazina y'urusobe. **(amanota 4)**

Amazina y'inyunge **(1)** – Amazina y'akabimbura**(1)** – Amazina y'umusuma**(1)** – Amazina agaragaza amasano**(1)**

**IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)**

15) Mu birebana n'amazina y'inka: **(amanota 8)**

(a) Umuvunano ni igika cyo mu musozo w'izina ry'inka (umuzinge) gisingiza indatwa hamwe n'izindi nka zose zaherewe rimwe incutso mu gihe cya mbere; **(1)** na yo inshutso ni igisingizo cya mbere gihabwa inka z'indatwa zibyaye uburiza **(1)**

(b) Inka y'ubumanzi ni inka yagororerwaga umuntu wabaye intwari ku rugamba **(1)** mu gihe inka y'imirindi yatangwaga n'uwabaye ikigwari agata abandi ku rugamba. **(1)**

(c) Amahamba ni indirimbo zaririmbwaga n'abashumba bacyuye inka **(1)**naho amabanga cyangwa amahindura zikaba indirimbo abashumba baririmbaga inka zirisha, batarazikata inkoni ngo ziboneze zitahe. **(1)**

(d) Isubirajwi ni uburyo umuhimbyi agenda akoresha amajwi asa mu mihimbire ye **(1)** mu gihe isubirajambo rigaragarira ku magambo amwe n'amwe agenda agaruka. **(1)**

16) Amazina y'impeta z'ubutwari zo mu Rwanda rwo hambere n'abo zahabwaga **(amanota 6)**

- Umudende **(1)**: Umudende wambarwaga n'uwabaga yishe ababisha barindwi abatsinze ku rugamba. **(1)**
- Impotore **(1)**: Yambikwaga uwabaga yarishe abanyamahanga cumi na bane abatsinze ku rugamba. **(1)**

- Gucana uruti **(1)**: uwabaga amaze kwica ababisha makumyabiri n’umwe abatsinze mu itsimbiro (ku rugamba) yacanaga uruti rw’icumu rye, akaba asonewe kuzongera gusubira ku rugamba. **(1)**

17) Gusubiza ukoresheje “**yego**” cyangwa “**oya**” ku nyunguramagambo **(amanota 5)**

(a) Imvugwakimwe ni amagambo afite intego zimwe, avugwa kimwe ariko ibisobanuro byayo bitandukanye. **Yego (1)**

(b) Amagambo aba ari impuzanyito iyo afite intego zihuje kandi ahuje igisobanuro. **Oya (1)**

(c) Amagambo aba ari imbusane igihe rimwe rivuguruza irindi mu gisobanuro cyaryo. **Yego (1)**

(d) Iyo amagambo yandikwa kimwe kandi agasomwa kimwe ariko ibisobanuro byayo bikaba bitandukanye bivuga ko ayo magambo ari impuzashusho. **Oya (1)**

(e) Igwizanyito ni uburyo ijambo rimwe rigira ibisobanuro byinshi. Izo nyito ziba zifitanye isano. **Yego (1)**

18) Akamaro k’ibisigo by’ubuse, urwenya na byendagusetsa mu muco nyarwanda: kwigisha **(1)**, gukosora **(1)**, kugira inama **(1)** no gushimisha **(1)** abantu bateze amatwi **(1)** cyangwa batera urwenya na byendagusetsa ubwabo **(1)**. **(amanota 6)**

19) Ingero z’amagambo dusangamo ibihekane bikurikira: **(amanota 5)**

(a) [ndgj]: [ìndgjààrgjà] **(1)**

(b) [tkw]: [gwûtkwâàrà] **(1)**

(c) [skj]: [gwùskjà] **(1)**

(d) [tkj]: [îtkjâàzò] **(1)**

(e) [fk$^h$]: [îgwûfk$^h$à] **(1)**

**IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)**

20) Gukora inyandiko mvugo y'inama yaguye, Umuyobozi w'Ishuri rya Mahembe yagiranye n'abanyeshuri,

Mu gukosora iki kibazo harareb wa: **(amanota 15)**

**Imisusire**: **(amanota 7)**

- imbata (umutwe, intangiriro, igihimba, umusozo) **(amanota 2)**
- isuku n'imigaragarire **(1)**
- imyandikire **(2)**
- imvugo inoze **(1)**
- uburebure **(1)**

**Ikitonderwa** : amakosa abiri y'imyandikire ahanishwa **0.5**. Ukoze **amakosa 8** abona **0/2**

b) Ingingo**:** **(amanota 8)**

- itariki n'ahantu inama yabereye **(1)**
- ibyari ku murongo w'ibyigwa **(1)**
- abitabiriye inama **(1)**
- imigendekere y'inama **(1)**
- igihe inama yatangiriye **(1)**
- igihe inama yarangiriye **(1)**
- amazina n'umukono by'umwanditsi w'inama **(1)**
- amazina n'umukono by'umuyobozi w'inama. **(1)**